kumarisha aba... Abatutsi bakanuye, bakanuye amaso, akabamarisha abihimura ku buryo yavuze we yivugiye, hanyuma noneho Abatutsi bakamujya inyuma bakemera koko bagashira. Nta hantu biraba ku isi SHYAKA, ibyo bintu, munyamakuru wa Radiyo Muhabura SHYAKA, nta hantu biraba ku isi ko umuntu umwe ashuka abantu benshi akabamarisha kandi bitwa ko ari abantu bazi ubwenge.

SHYAKA rero, bivuge kuri Radiyo Muhabura, Umuhutu KANYARENGWE wababereye agakingirizo akaba agakingirizo k'Inkotanyi, akaza ngo abageze ku butegetsi i Kigali yikingiriye yuko hari icyo ha... yari afitanye amahane na HABYARIMANA Yuvenali, Prezida w'u Rwanda bategekanye, bakoranye coup-d'Etat, ndakeka yuko kuba abamarishije abi... abihishemo, mwagombye kumuvumbura vuba ntakomeze kubamarisha.

Icyo gatatu : SHYAKA, munyamakuru wa Radiyo Muhabura, bivuge, bivuge, nta hantu biraba ku isi, nta hantu biraba ku isi yuko abantu, agatsiko k'abantu gashaka ubutegetsi, gashaka ubutegetsi kabeshya ngo kararengera inyungu z'abantu bake aho kugira ngo ... kubera inyota y'ubutegetsi kakabamarisha. Ibyo bintu nta hantu biraba ku isi uretse i Burundi.

3.6 min

I Burundi byarabaye. Abatutsi bake b'i Bujumbura bashaka gufata ubutegetsi bituma Abatutsi benshi mu giturage bashiramo. Ibyo ni byo agatsiko k'Inkotanyi gakoreye Abatutsi bo mu gihugu. Ni na cyo twavuze tuti ibintu bibiri bishobora gusubiri... gusubiranishamo Abanyarwanda burundu : kwica Prezida wa Republika, kongera kubura imirwano. Ibyo rero ni byo Inkotanyi zakoze. Ni byo mwakoze. Ibyo rero nta hantu byabaye ku isi, ariko mubyumve yuko ibintu bitatu, nta hantu byabaye ku isi, ibi byabaye mu Rwanda koko nanjye mbyemere nta hantu biraba ku isi ni byo, ariko na none ibirimo biba mu Rwanda na none nta hantu biba ku isi. icya mbere, nongere mbisubiremo, nta hantu ku isi agatsiko cyangwa se ubwoko buke buzi neza ko ari buke bufata intwari ngo bugiye kurimbura rubanda nyamwinshi. Biba ari ukwigerezaho no kwiteba.

Icyo kabiri : nta hantu biraba ku isi, yuko umuntu yihisha mu bantu, akihisha mu Muryango akiyita Prezida wawo akawumarisha. KANYARENGWE rero amarishije Umuryango w'Inkotanyi awihishemo awihimura, ni byo bibaye. Inkotanyi rero kubona umuntu abihishamo akabamarisha, akamarisha bene wanyu aho ngaho ni ho umuntu yibaza ubwenge mufite uko bungana

5.3 min

Icyo gatatu : icyo gatatu, nta hantu biraba ku isi yuko inyota y'ubutegetsi y'agatsiko k'abantu bake, bo mu bwoko buke, gakoresha amayeri ngo kagiye gufata ubutegetsi bwa rubanda

nyamwinshi abo kuvugaga ko kaburanira bagashira. Iyo bigenze gutyo ubundi kararorera. Ubwo rero ibyo bintu bitatu byose koko munyamakuru SHYAKA wa RTLM nta ho biraba ku isi. Naho kuvuga ngo RTLM iririrwa ibeshya ngo « Inkotanyi zafashe umujyi Kigali », SHYAKA, ni byo, nta kuntu wavuga ibyo mu Rwanda udahari, icyo rero nkumenyesha ni uko RTLM, ugereranyije na Radio Muhabura, ishobora kuvuga ukuri nyako, niba wumva amasasu sinzi aho uyumvira, ariko nje ntayo numva hano i Kigali ni ho ndi, ubwo rero kuvuga ngo turabeshya, ngo turi abanyabinyoma nta ho bihuriye ni wowe wibeshya, kandi ibyo ari byo byose uzahora wibeshya.

Radio RFI y'Ubufaransa mu ijwi rya Jean HELENE, yatangiye kwamagana ibinyamakuru by'Inkotanyi. Itangira kwamagana Inkotanyi zabeshye amahanga yuko umujyi ziwufite, yuko zafashe ee Kigali ko byarangiye, yuko Gouvernement yahunze, ko Président yahunze. Amaradiyo yose rero y'amahanga yari yatangiye kumva ibinyoma bya Muhabura n'abandi, bigakeka ko ari byo, bitangiye kubamagana. Hari Radio France Internationale mu ijwi rya Jean HELENE uri hano i Kigali, hari BBC yatangiye kuvuga iti « Inkotanyi zirabeshya nta byi... nta bintu zigereyeho, hari ra... ee Radio Télévision euh belge francophone (RTBF) na yo yatangiye kuvuga yuko Inkotanyi zibeshya, ko zabeshye ko zafashe umujyi wa Kigali ko hasigaye akantu ka... gatoya, none zikaba zitarabashije no kwinjiramo. Ibyo rero murumva yuko na none ni ukundi gutsindwa kw'Inkotanyi, iyo watsinzwe intambara y'amakuru, y'amagambo uba watsinzwe. Mu ntambara y'amagambo rero, birumvikana yuko Radio RTLM itsinze Muhabura. Ubwo rero na bwo ni ugutsinda nta wabura kubishimira Radiyo RTLM. Kuko turavugisha ukuri Muhabura ibeshya. Yabeshye n'amahanga noneho yayihindukiranye.

Ku bindi rero byerekeye uko umutekano wifashe muri Kigali, Radio France Internationale, mu ijwi rya Jean HELENE, umunyamakuru uri hano i Kigali wa Radio France Internationale, aravuga yuko uko yabonye Abahutu bahagaze hano muri Kigali, uko yabonye Abahutu bahagaze hano muri Kigali n'imihoro n'imbunda n'amashoka, n'imyambi n'amacumu,

7.8 min

arabwira Inkotanyi ati « Inkotanyi muramenye ntimwiyahure muri Kigali. Kubera ko Abahutu bagize ubwoba yuko nimugerayo mubahora none bariye karungu ntibashaka guta ibyabo ». Ibyo byavuzwe na Radio France Internationale ee ibivuze mu kanya. Ubwo rero ndakeka yuko Jean HELENE koko yarabibonye, nanjye ukuntu nabonye abantu bameze hano muri uyu mujyi, bameze hano muri uyu mujyi, ukuntu abantu bemeye kwirwanaho, ukuntu ingabo z'u Rwanda zakanuye amaso, ukuntu zirimo zihumbahumba Inkotanyi, uburakari zifite, ndakeka yuko Inkotanyi zititonze, zititonze zashira cyangwa se zigasubira mu Bugande ubuziraherezo. Ubwo rero ibyo ngibyo ni byo mu mishyikirano iza kuba nonaha baza kwiga.

Hagati aho rero ku byerekeye umutekano w'abantu, mu by'ukuri abantu barimo bica muri aka kanya bakaba barimo basahura, mu by'ukuri baricira iki gihugu, baricira iki gihugu, baricira... Gouvernement iriho, baricira amashyamba barimo, baricira..., aho ibintu bigeze ukiriho ni umurame, ibintu bitaribwa ni ibya nyirabyo. Nimureke aho. Nimurekere aho, birarambiranye.

Ubu noneho, ubwo Inkotanyi zemeye gupfukama, gupfukama, zikicara, zigapfukama ariko, zigapfukama, ureke, ureke rya jambo ry'iminuramu... ry'akaminuramuhini rya... RUTAREMARA ngo « nta wakwicarana na CDR », ubu rero bagiye kwicarana. CDR igiye kubona abadepite cumi na batandadu cyangwa mirongo itatu mu Nteko Ishinga Amategeko Yaguye, FPR ibone 5, hum ! PDC ibone zeru, hanyuma ibindi byose bisobanuke ukundi, ariko bya bindi byose birangiye.

Birangiye kuko Inkotanyi zigiye kwemera zigapfukama, noneho, hanyuma noneho, imishyikirano y'i Kigali ni yo dushyigikiye n'ubundi Arusha bwari ubujura, baze i Kigali bapfukame hariya muri MINUAR cyangwa se kuri stade, cyangwa ku kibuga cy'indege bapfukame ubundi bemere imishyikirano yindi si... nsubiremo twumvikane naho ubundi ibyo kwirirwa wirukankanye (sic) imbunda ngo uzamara rubanda nyamwinshi birangiye, birangiye, birangiye. Niba Inkotanyi rero ziyemeje kugirana imishyikirano na Gouvernement y'u Rwanda ya Power nibagirane imishyikirano, ariko ubwirasi fini, burangiye. Burangiye, burangiye nta kundi.

10.7 min

Dutegereze rero icyo icyo imishyikirano igeraho, ariko uko yagenda kose, uko yagenda kose ni ukwemera yenda imirwano igahagarara, hum, nta wukeneye ko mu Rwanda hongera kumeneka amaraso menshi, ariko MININTER, Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu ikamburwa Inkotanyi, uwitwa DALLAIRE, Général DALLAIRE agasubira iwabo muri Canada muri Québec akajya kuvuga igi québécois, uwitwa TWAGIRAMUNGU Faustin, alias RUKOKOMA ari we nyiri ibi byago byose, byose, byose kubera ubwirasi bwe, hum, kubera ubwirasi bwe, burya igihugu na cyo kigira ibyago, u Budage bwigeze kubyara umuntu witwa HITLER, ateza ubu ... ateza ibyago u Budage, n'u Burayi bwose, n'isi, u Rwanda na rwo rwagize ibyago rubyara umugabo mwene GISHUNGU w'uruhara TWAGIRAMUNGU Fawustini na we ateza ibyago iki gihugu, agomba guhita asibwa mu masezerano y'Arusha vuba vuba, vuba vuba, hanyuma noneho na politiki yo kwicana, yo kwihimura y'Inkotanyi ikayireka burundu ikabisinyira, hanyuma noneho tugakunda tukabana muri iki gihugu tukibagirwa ibyabaye.

Mukomere rero ngabo z'u Rwanda, mukomere Banyarwanda mwese muri... aho muri hose mu turere tubana ... tuberamo imirwano, abari mu mijyi, abari mu mijyi, abari mu giturage, aho muri hose, mwese mukomere, mukomere, agasuzuguro k'Inkotanyi twazetse yuko zagirwaga n'ibitso, zikagirwa n'ibifaranga byinshi bya Found raising, zikagirwa na za Gouvernement zijegajega, zijenjetse, ubundi kandi tutabicyeho, zagirwaga na Prezida HABYARIMANA. Hum ! Nibamuzure se, kugira ngo babone agahenge ! Yari abafatiye runini, ariko ntibabimenye bahisemo kumwica nibabone ishyano.

(indicatif du journal)

JOURNALISTE : BASINGIZE Vénuste de Radio Rwanda ?

Cassette N° 0110 transcrite par I.D.

Abanyarwanda bafite umuco mwiza wo kuramukanya. Uhura n'Umunyarwanda ati « waramutse ? Iwanyu haramutse hate » ? Ni amahoro. Natwe kuri Radio Rwanda dutangira amakuru dusuhuza abatwumva. Ubwo na bo tu...gakeka ko badusubiza bagira bati mwaramutse cyangwa mwiriwe namwe. Aho i Kigali muvugira haramutse hate ? Turagira ngo rero tu...basubize tubabwira ko hano i Kigali ndetse no mu gihugu hose haramutse. Muzi ko muri iyi minsi ishize u Rwanda ruri mu bibazo byinshi bivanze n'ibyago twatewe no kubura umukuru w'igihugu cyacu Nyakubahwa HABYARIMANA Yuvenali abanzi bahitanye, ubwo barasaga indege yari imuvanye i Dar-es-Salaam muri Tanzania aho yari yagiye

13.5 min

kudushakira amahoro. Iyo ndege yaguyemo na mugenzi we w'u Burundi Nyir'icyubahiro NTARYAMIRA Sipiriyani n'abandi banyacyubahiro benshi. Nyuma y'aho hakurikiyeho ibindi byago byinshi, twabuze benshi barimo na Minisitiri w'Intebe Madame Agatha UWIRINGIYIMANA. Umutekano wakomeje kuba muke rero, cyane cyane kuva aho FPR Inkotanyi ifatiye icyemezo cyo kubura imirwano. Muri uyu... kuri uyu wa kane rero mu gihugu cyose na hano i Kigali ingabo z'u Rwanda zihagaze neza. Muri Gisenyi na Ruhengeri nta kibazo. Muri Byumba ingabo za FPR ziracyashakisha aho zipfumurira ngo zigabe ibitero zigana i Kigali ariko kugeza ubu ingabo z'u Rwanda zazibereye ibamba. FPR yabuze aho imenera. Muti ese aho i Kigali ho bite ? Kigali, umurwa mukuru w'igihugu cyanyu yaramutse neza rwose. Ingabo zanyu zihagaze neza.

Buri muni duhura n'abayobozi bakuru b'ingabo bakatubwira uko igihugu cyacu gihumeka. Ejo rero FPR yashatse gufata ikigo cy'abajandarume ku Kacyiru birayinanira, ahubwo ihasiga abayo mirongo itanu n'umunani Izo ni intumbi zashoboye kubarurwa. Abagiye bakomeretse nta wabara. ariko batubwiye ko uwavuga nka magana abiri ataba yibeshye. Ingabo zacu zafashwe kandi imbunda nyinshi zirimo na mortier 60. Camp G.P., ni ukuvuga ikigo kibamo abasirikari barindaga Perezida wa Repubulika na cyo Inkotanyi zaragiteye zihasiga intumbi makumyabiri n'umunani, abahakomerekeye na bo ni benshi muri FPR.

Ejo na bwo Inkotanyi zirukanywe ku Kacyiru zahungiyeye mu Gatsata. Nyuma ya saa sita zashatse kwinjirira muri Nyabugogo zihasanga Inzirabwoba zirababwira zisubira inyuma. Muri iki gitondo ingabo z'u Rwanda zaramutse zihiga izo Inkotanyi mu Gatsata. Ahandi hose hameze neza : Gikondo, Rugenge, Muhima, Kimisagara, Cyahafi na Nyamirambo, abaturage bari maso. Inkotanyi itarabutse akayo kaba kashobotse. Gufata umujyi wa Kigali nk'uko Inkotanyi zibiririmba kuri Radio Muhabura no ku yandi maradiyo mpuzamahanga si ibya none.

Igitwe kwibaza ahubwo ni a...banyamahanga cyangwa ibihugu by'amahanga, bikomeje kwivanga mu bibazo by'u Rwanda kandi bitabareba. Nk'ubuyobozi bw'inganbo ... nk'ubu buyobozi bw'ingabo buremeza ko hari indege za Kajugujugu zo mu bwoko bwa PUMA zazanye ibintu cyangwa abantu mu Miyove n'i... n'i Nyabishambi.

16.1 min

Hari kandi n'Abazungu bashyigikiye Inkotanyi mu Mutara ba...rashisha barashisha imbunda nini. Ibyo biteye kwibaza. Nguko uko ibintu byifashe mu gihugu. Ingabo zihagaze neza, abaturage bakomeze bazishyigikire.

Ubu kandi hari imishyikirano ibera kuri MINUAR hagati y'intumwa za Gouvernement y'u Rwanda ziyobowe na Ministiri w'ingabo, BIZIMANA Augustin n'iza FPR-Inkotanyi, umuhuza wa MINUAR. Du...teze amaso icyo iyo nama iza gutanga. Twizeye ko ituzanira ihagarikwa ry'imirwano nk'uko twese tubyifuzaga.

Muri uko gushaka kumenya uko umujyi waramutse, twabajije kandi Bwana KARAMIRA Froduwaridi, Visi-Perezida wa kabiri wishyaka MDR uko Kigali yaramutse kuko akunze kuzinduka asura uturere twinshi twawo. Aratubwira uko yabonye Kigali yaramutse mu kiganiro yagiranye na mugenzi wacu NSENGIYUMVA Yohani Faransisiko.

KARAMIRA Froduard:

Muri iki gitondo, uko buri muni ugenda uhita, ni ko imbunda, urusaku rw'imbuda rugenda rugabanuka. I Nyamirambo rero ho ubwaho hameze neza, ee amasasu twumvaga kuri Station terrienne, uko tubibona kandi twabikurikiye ni abagenda batoroka hariya kuri CND, bashakira inzira zo guhunga bagahura n'ingabo z'u Rwanda cyane cyane izarindaga iyo Station terrienne. Amayira yaho akaba nyine ari i Gikondo, kuzamukira Gikondo kugera mu mpinga ya za Nyarurama, akaba ari yo mayira y'ubuhungiro.

Nkumva rero aho na ho imbunda zaraye zihavugira n'izahavugiyeye muri iki gitondo zigaragaza ko u...buhungiro bwabuze. Ahandi hose mu Gasyata na ho turumva ko ingabo z'igihugu n'ubwo zitari zakuramo abagiye bahahungira, ariko biri mu nzira. Icyo dushima cyane mu bikomeye ni uburyo abaturage bakoresheje kugira ngo barengere quartiers zabo, kugira ngo barebe uwabihishamo, ukuntu bagiye bashakira muri za ruhurura. Mwumvise ko hariya muri Rugenge batahuye, ejo nagiyeyo, umu...jida wo muri FPR, bamukura muri ruhurura. N'ahandi bagenda bakora imirimo nk'iyi ngiyoye, urumva ko abaturage birengereye, kandi nimugoroba nta babameneramo. Icyo bakeneye birumvikana ni uburyo, ni udukoresho twa gisirikare nyine two kugira ngo na bo birengere ariko bafite ibikoresho bingana n'iby'abo bashobora kurwana na bo.

18.6 min

Icyo rero ni cyo kibazo gisigaye, ariko hose na bo barimo gukora organisation, nta hatari ababishobora bashobora gu...koresha imbunda kandi bakuze, baciye akenge, bazi icyo imbunda imara, atari abana. Ubwo rero nkaba nshimira abaturage.

Ikindi... abaturage bantumye ni ugushimira ingabo z'u Rwanda, iziri hano mu mujyi zirwanira mu mujyi, n'abari ku mupaka, muri... mu karere ka Ruhengeri nk'uko tubyumva, akarere ka

Byumba na Mutara ko babashimira ubutwari bari mu gukoresha kugira ngo bagende bigizayo iyi ntambara yatuzaniye byinshi bibi.

NSENGIYUMVA Jean François:

Muri uko kwirengera se usaba abaturage kandi ubona bakora, urabona koko bashyize hamwe, urabona ee bifashe bate muri uko kwirengera no gushaka guhashya umwanzi ?

KARAMIRA Frodouard:

Ee, abaturage... kuri iki gihe bashyize hamwe, ariko ntibarahuza neza ngo umugambi bawushyire hamwe bose. Ni cyo turi mugukora, kugira ngo niba hari igikozwe, niba bakeka ko hariya haba hari ee Inyenzi ihishe hagende abantu b'abagabo batasahura, bashakisha, bafatanye n'abasirikare kugira ngo be guhohotera abantu. Cyane icyo twirinda ni icyahohotera umuntu uwo ari we wese. Ni cyo dushaka kwigisha abaturage, kuko hari ibyagiye birengera, abagiye barengera bakora ibitatumwe n'abaturage, bitatumwe n'abategetsi, bitatumwe n'amashyaka, ibyo rero ni byo turi mu kurwanya kugira ngo abaturage babone uko bashobora gusohoka bishyire hamwe ariko muri rusange ugasanga bumvikana mu makaritsiye yabo.

JOURNALISTE: BASINGIZE Vénuste ?

Ku byerekeye imishyikirano ibera kuri Hoteli Amahoro ku cyicaro cya MINUAR hagati ya Gouvernement y'u Rwanda n'intumwa za FPR-Inkotanyi, Bwana KARAMIRA asanga ahubwo iyo mishyikirano yaratanze kuko aho ibintu bigeze, abaturage bifuzaga ko FPR yabona isomo. Twumve Bwana KARAMIRA Forodumaridi.

20.6 min

KARAMIRA Froduald:

Uko tubibona, iyo ubajije abaturage bumvise iyo nkuru ko FPR irimo gusaba guhagarika imirwano, ahubwo abaturage barakubwira bati «oya, ntabwo dushobora kubyemera, reka dukomeze». Ingabo z'u Rwanda zari zafashe icyemezo zigirira abaturage, kandi bari bafashe icyemezo cyumvikana. Ntabwo ingabo z'u Rwanda zishimishijwe n'uko abaturage bapfa, ahubwo FPR itarumvise ko ingabo z'u Rwanda zibikorera abaturage, ikavuga ko idashaka guhagarika, ni yo yiciye bene wabo, yiciye n'Inkotanyi nyinshi ziri mu gupfa zagombaga guhagarika zikagira ubuzima. Akaba ari na yo mpamvu propagande iri mu gukorwa n'abantu ba FPR, ituma nsaba Abatutsi bose kubwira FPR ikareka izo propagandes zishyushya imitwe abantu, ikareka propagandes zirakaza abaturage kurushaho kugirango be kugomba gusubiranamo kandi twebwe turi mu kurwanira kubumbabumba umutekano.

Cassette N° 0110 transcrit par I.D.

Niba rero na yo yumvise igasaba cesser-le-feu, ahubwo mu byukuri yaratanze, yagombye kuba yarabisabye kera akaba ari na yo ifata initiative kuko iyo urebye mu baturage na bo barazi ko abo barengera ari bo bake, barimo kuzira ubusa, inzirikarengane zirimo gikurikiza propagande mbi, inzirikarengane zirimo kuzira abantu bashaka ubutegetsi ku ngufu badashaka demokarasi, abo rero ni bo bagombye kwiyumvisha ko bagomba kurengera ahubwo bene wabo. Niba babyumvise rero nta wabura kubibashimira kuko kurengera abaturage ni cyo twese duharanira.

NSENGIYUMVA Jean François:

Eh, kuba muri... mu rwego rukuru rw'ishyamba MDR, muri Visi-Perezida wa kabiri, bituma mukurikiranira hafi politiki y'igihugu. Murabona inzira y'amahoro izaturuka he ? Tuzayigeramo duta ?

KARAMIRA Froduald:

Ee, inzira y'amahoro aho izaturuka, aha mbere byagiye bigaragara muri iyi ntambara, no muri politike dukora, abantu bibagiye ba nyir'ubu butegetsi, bibagiye abaturage abo ari bo. Ari Inkotanyi, ejobundi ubu uzi ko ari RUTAREMARA yivugiyeye ko arwanira impunzi zahunze muri mirongo itanu n'icyenda na mirongo irindwi na gatatu ; impunzi z'Abatutsi. Ubu se ni bo arimo kurwanira ? Ahubwo arabicisha. Ari no mu mashyamba yacu abagiye ku butegetsi Gouvernement ivuyeho ya Agatha UWILINGIYIMANA, muzi na byo uko yifashe. Ntabwo yarengeye abaturage, ahubwo yabateje iyi ntambara yindi yasubiyeho.

23.1 min

Ibyo byose rero iyo tubibona, iyo abaturage babibona, nanjye udasanze muri politiki wagiye vuba aha uko mbibona, abantu bakurikiye inyungu zabo kurusha uko bakurikiye iz'abaturage, kandi bese barimo gutsindwa inkurikirane.

(Indicatif du journal)

JOURNALISTE: BASINGIZE Vénuste ?

Radio Rwanda ivugira i Kigali dufite saa saba zirengaho iminota itanu hano muri studios zacu, dukomeje tubagezaho amakuru avugwa mu Rwanda. Gouvernement y'u Rwanda n'Umutwe FPR-Inkotanyi biyemeje guhura uyu muni ku wa kane hano i Kigali ku cyicaro cy'aho wa Mutwe w'ingabo z'Umuryango w'Abibumbye zishinzwe kubahiriza ishyingirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'amahoro ya ARUSHA, MINUAR ukorera. Iyo mishyikirano irimo iba kugeza kuri aya masaha igamije kurebera hamwe uko intambara yahagarara nk'uko Perezida w'Inama y'Umuryango w'Abibumbye ushinze amahoro ku isi COLLIN KITTING abisaba. Gouvernement y'u Rwanda ikaba ihagarariye muri iyi mishyikirano na Minisitiri w'ingabo, Agustini BIZIMANA. COLLIN KITTING yatangajye ko Umutwe wa FPR wemeye ko

Cassette N° 0110 transcrite par I.D.

Gouvernement y'Inzibacyuho Yaguye na yo irimo yajyaho bidatinze abaturage bakava mu kangaratete.

Inama y'Umuryango w'Abibumbye ishinze amahoro ku isi irasaba abarebwa n'icyo kibazo bese gukora iyo bwabaga kugira ngo ayo masezerano ashyirwe mu bikorwa. Umugi... Umunyamabanga mukuru w'Umuryango w'Abibumbye BOUTROS BOUTROS Ghali we yifuje ko haboneka undi Mutwe w'abasirikare bo mu Muryango w'Abibumbye wo gusimbura Ababiligi bari muri wa Mutwe ukorera mu Rwanda MINUAR, kuko u Bubiligi bwafashe icyemezo cyo gutahura abasirikari babwo bakaba bagomba gusubirayo mu minsi ya vuba.

Ejobundi ku wa kabiri Inama y'Abaminisitiri yarateranye iyobowe na Perezida wa Repubulika, Nyakubahwa SINDIKUBWABO Théodore. Inama y'Abaminisitiri yasabye Abanyarwanda bese gusubiza imitima mu bitereko bakirinda gusubiranamo, abaturage bakitabira amarondo kugira ngo bafatanye n'ingabo z'igihugu gutahura umwanzi. Inama y'Abaminisitiri yasabye kandi ko abategesi b'ingeri zose bakomeza gukangurira abaturage gushyigikira Gouvernement n'ingabo z'igihugu cyacu zidahwema kuruharira.

Yasabye kandi ko aho bishoboka mu... duce twose tw'igihugu amasoko yakongera kurema abaturage bakabona aho bahahira, kandi imirimo yose, yaba iya leta cyangwa iy'abikorera ku giti cyabo, igakomeza uko bisanzwe. **25.3 min**

Inama y'Abaministri yongeye gusaba wa Mutwe w'Umuryango w'Abibumbye uri mu Rwanda MINUAR kubahiriza inshingano wahawe yo gufasha Gouvernement y'u Rwanda n'Umutwe FPR-Inkotanyi gushyira mu bikorwa amasezerano y'amahoro ya Arusha.

Radio Rwanda dufite I saa saba zirengaho iminota itandatu ...

JOURNALISTE:

... veut rejeter une première offre de trêve du haut commandement des Forces armées rwandaises, une offre qui était soutenue par le Gouvernement. Le gouvernement belge a décidé pour sa part de retirer son contingent de la MINUAR le plus tôt possible comme l'a annoncé le Secrétaire Général des Nations-Unies BOUTROS BOUTROS GHALI dans une lettre adressée au Conseil de sécurité des Nations-Unies et BOUTROS GHALI estime qu'il serait très difficile pour la MINUAR de mener à bien sa tâche après le retrait belge à moins que les Belges ne soient remplacés par un autre pays aussi bien équipé ou que le gouvernement belge revienne sur sa décision. En tout état de cause, le Secrétaire général de l'ONU a demandé au responsable de la MINUAR de lui proposer des options.

Quant à la situation, la situation donc sur le plan militaire à Kigali et dans le reste du pays, elle reste sous le contrôle des Forces armées rwandaises. Les responsables militaires concernés l'ont réaffirmé ce matin au cours d'un briefing avec la presse.

Cassette N° 0110 transcrite par I.D.

Hier, les combattants du FPR ont tenté de prendre l'assaut, d'assaut pardon, le camp de la Gendarmerie nationale à Kacyiru mais ont vite déchanté suite à la riposte foudroyante des Forces Armées rwandaises. Résultat : trente-huit combattants du FPR tués, sans compter les quelques deux cents blessés dans leurs rangs et plusieurs équipements militaires saisis

27.0 min

dont un mortier 60. Le camp de la Garde présidentielle a été également la cible du FPR mais là aussi le FPR l'a fait à ses dépens puisqu'au moins 28 des siens y ont laissé la peau sans compter des cadavres et des blessés emportés par les leurs qui se repliaient.

Repoussés après la vaine attaque contre le camp de Kacyiru, les combattants du FPR se sont repliés sur le secteur de Gasyata vite abandonné par ses habitants. Dès lors le FPR a tenté une percée à travers Nyabugogo, mais les Forces armées rwandaises étaient là aussi présentes et vigilantes. Ailleurs le calme est total et la population se tient prête à faire face à tout élément du FPR qui tenterait de s'infiltrer. Le FPR qui a établi un pont de ralliement dans la vallée de Nyarutarama a également tenté de s'en prendre au camp de Kami mais a été là aussi repoussé. Ce n'est donc pas demain la veille que le FPR se rendra maître de la ville de Kigali. Il commence plutôt à déchanter.

Ailleurs dans le pays, la situation est calme et sous contrôle. Sur le front de Byumba et Mutara,

28.0 min

les forces des deux parties en conflit restent face à face et le commandement de l'armée dénonce la présence des combattants expatriés dans les rangs du FPR, notamment dans le Mutara et à KIGALI. Il dénonce également les allées et venues d'hélicoptères de type PUMA inconnus dans la flotte des Forces armées rwandaises à Miyove et à Nyabishambi. C'est un sujet de préoccupation dont les responsables concernés devront tenir compte.

En bref, la situation reste bonne, il faut que la population continue de prêter main forte à son armée.

HABIMANA KANTANO:

Radio yigenga RTL M ivugira hano i Kigali, ubu ni saa tatu, saa tatu muri studios za radiyo RTL M (arasetse) ijwi rya rubanda, ijwi rya rubanda rero (arasetse) ribabwiza ukuri, rikababwira n'akari i Murori uhuu, abatwumva mwese mukomere, mukomere ibyo ari byo byose... ni uko inzoga zitangiye kubura ariko ku Gisenyi mudukorere inzoga, mudukorere inzoga zo kwishima kuko intambara Inkotanyi n'Inyenzi n'iki byose bari baradushojeho, ibyo aribyo byose turiho turayitsinda ku buryo bukomeye, ku buryo bukomeye, ari abaturage bari

29.1 min

kuri za bariyeri, ari abaturage aho bari hose, ari... abasirikare b'u Rwanda bose barimwo bara... baratsinda.

Muri uyu muji wa Kigali rero noneho, muri uyu muji wa Kigali abantu b'i Gikondo ruguru mukomere, abantu b'i Gikondo ruguru mukomere..., ntimugire ngo ni... ni Inkotanyi nshya zaje, ntabwo ari Inkotanyi nshya zaje ni izo zanambye zananutse zirimo ziyahura. Ukuntu rero bigenze muri iki gitondo, ukuntu bigenze muri iki gitondo, iri joro mu ma saa saba z'ijoro, hum Inyenzi-Inkotanyi zaturutse muri RWANDEX, zavumbutse muri RWANDEZ ziza zirukanka zifite minibus TOYOTA Kamyoneti n'ivatiri zuzuye Inkotanyi, nuko zishoreye n'Inkotanyi zirenga ijana, zazamukiye kuri Bare Nyenyeri, zikata ibumoso zigamije kumanukira kuri MAGERWA, hein kuri MAGERWA, dore ko zivuga ko ari ho ... aa ni yo zishaka gufata ngo « kubera ko irimo ibiribwa, hum », ngo zi... ngo « kubera ko irimo ibiribwa ».

30.1 min

Brigade rero ya Gikondo irasaba ko MAGERWA yarindwa bikomeye, mu kigo cya RWANDEX no mu kigo cya NAMDHAR izo Nkotanyi ni ho zaraye zivumbutse. Hein! Murumva rero ko zazindi zose zavuye muri CND nuko zihungira muri Parc industriel, mu by'ukuri rero ibyo Muhabura ivuga ngo (arasetse), ngo « ni Inkotanyi nshya zaje » ngo « nshyashya » ngo « frais » ngo « zivuye Mulindi », wapi, ni ya mizongwe n'iminambe yirukanka aho ngaho, inzara yayishe irimo iragenda ya... yayaguzwa, ibyo ari byo byose ejo zavumbutse muri RWANDA FOAM, ubu noneho zavumbutse muri RWANDEX.

Muri RWANDEX rero ukuntu zahageze, zagiyemo harimo abasirikare ba MINUAR b'Ababiligi, barabahisha, noneho igihe cyo gutahuka kiragera, bati « bavandimwe ntitwabangaga, muri aba ... muri Abirabura, muri Abanyarwanda, twitahiye i Burayi, nimupfe urwo mupfuye », barazita, none rero zavumbutsemo ibiryo byarimo zari ikawa mbisi,

31.2 min

ikawa mbisi n'icyayi cyarimo kibisi bakiriye, bakiriye, ni ho rero bakuye akabaraga ko kuzamuka biruka ngo barebe ko bagera muri MAGERWA, barebe ko barya umuceri urimo n'ifu, Huum ! (arasetse) Iyo umugabo yageze aho aba yakomerejwe (aseka), aba yakomerejwe ! Nyabuna Nkotanyi, umva ! Iminsi ni mi... ni imitindi ! Iminsi ni imitindi ndakeka yuko ubwirasi mwazanye itariki ya mbere z'ukwa cumi, ngo « murafata u Rwanda iminsi itatu », ubwirasi bugacogora mu kwi...

FIN DE LA FACE B